Repubulika y'u Rwanda

Intara y'Iburengerazuba

**Akarere ka Karongi**

# INKINGI Z'IMPINDURAMATWARA ZA KARONGI

## NEWSLETTER

***"UBUFATANYE, UMURIMO UNOZE, TWIHUTE MU ITERAMBERE"***



# INKURU NYAMUKURU

# KANAMA 2025



KWIZIHIZA UMUGANURA SI UKWISHIMIRA GUSA IBYAGEZWEHO MU BUHINZI N'UBWOROZI- MEYA MUZUNGU

Soma Paji ya 1




KARONGI IRIMO GUTERA INTAMBWE YO KUGANA MU MIJYI YUNGANIRA KIGALI- GUVERINERI NTIBITURA

Soma Paji ya 2



MU KARERE HABEREYE IGIKORWA CYO GUSINYA IMIHIGO MU NZEGO ZITANDUKANYE

Soma Paji ya 5



GUVERINERI NTIBITURA YASABYE ABATUYE MUTUNTU NA GITESI KUBAHIRIZA GAHUNDA ZA LETA KUKO ZASHYIZWEHO KU BW'INEZA YABO

Soma Paji ya 11



MINUBUMWE YAHUGUYE ABAYOBOZI N'ABATURAGE KU BIJYANYE NO KUBUNGABUNGA INZIBUTSO ZIRI KU MURAGE W'ISI

Soma Paji ya 10



UBUYOBOZI BW'AKARERE BWASOBANURIYE ABATURAGE AKAMARO KO KONSA

Soma Paji ya  14

# KWIZIHIZA UMUGANURA SI UKWISHIMIRA GUSA IBYAGEZWEHO MU BUHINZI N'UBWOROZI- MEYA MUZUNGU



Umuyobozi w'Akarere Muzungu Gerald mu birori by'umuganura 2025

Tariki ya 1 Kanama 2025, mu Murenge wa Rugabano hizihirijwe umunsi w'umuganura.

Habaye ibirori, herekanwa uko umuganura wizihizwaga n' ibikoresho ndetse n'ibikorwa byarangaga uwo muco wa kera w'Abanyarwanda. Uyu munsi wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Umuganura, isoko y'ubumwe n'ishingiro ryo kwigira."

Meya Muzungu Gerald yavuze ko Umuganura ari inkingi ikomeye mu mateka n'imibereho y'Abanyarwanda.

Ati "*Mu gihe cy'ingoma ya cyami, wari umwe mu mihango y'ubwiru 18, ugamije gushimira Imana umusaruro wabonetse, kwifurizanya ineza no gusabana nk'Abanyarwanda. Nubwo waje guhagarikwa n'ubutegetsi bw'abakoloni mu 1925, Umuganura wagaruwe na Leta y'Ubumwe mu 2011, kugira ngo dukomeze gusigasira umuco wacu no guha agaciro indangagaciro ziwubumbatiyemo.*

*Uyu munsi twizihiza Umuganura, si ukwishimira gusa ibyagezweho mu buhinzi n'ubworozi nk'uko byahoze, ahubwo ni n'umwanya wo kurebera hamwe intambwe yatewe mu nzego zose z'iterambere: uburezi, ubuvuzi, ubukungu, ubukerarugendo, ubucuruzi, imiyoborere myiza n'umuco. Twishimira ibyo twagezeho, tunafata ingamba zo gukomeza kwigira no gukemura ibibazo byugarije imibereho y'Abanyarwanda.*"

Ni umwanya kandi ko kwiyibutsa ko abantu bagomba gukorera hamwe, baharanira iterambere ry'umuryango, iry'Umudugudu, iry'Akarere n'iry'Igihugu muri rusange.

Muzungu yongeye gusaba ati "*Twifashishije gahunda za Leta n'uruhare rwa buri wese, turasabwa guhangana n'ibibazo bikibangamiye imibereho myiza. Twihutishe gahunda yo kurandura igwingira mu bana bato binyuze mu mirire myiza n'ubukangurambaga bwa "Hehe n'Igwingira." Twirinde kandi turwanye indwara nka malariya zigira uruhare mu gusubiza inyuma iterambere ry'umuryango nyarwanda.*"

Yungamo ko uwo munsi ari uwo gusabana, gusangira no kuganuza, kwishimira intambwe imaze guterwa no gutekereza ku byo kunoza kurushaho muri uyu mwaka wa 2025. Abantu bagomba gufatanya kurushaho mu kwiyubaka, kwimakaza indangagaciro ziranga Umunyarwanda: gukunda Igihugu, kwitabira umurimo, kunga ubumwe, gufashanya, kugira ubupfura, guharanira amahoro n'izindi.

Asaba ko umuganura utarangirira mu birori gusa, ahubwo ukwiye gutanga imbaraga zo gukomeza gusigasira umuco, kurushaho guharanira kwigira. Abantu bakaganura, bakanaganuzanya, bafata n'ingamba zo kunoza ibiri imbere.

# KARONGI IRIMO GUTERA INTAMBWE YO KUGANA MU MIJYI YUNGANIRA KIGALI- GUVERINERI NTIBITURA




Ku wa 19 Kanama 2025, mu Karere ka Karongi hatangijwe imurikabikorwa n'imurikagurisha ribera mu busitani bw'isoko rya Bwishyura.

Ayitangiza ku mugaragaro Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba, Ntibitura Jean Bosco yavuze ko bigaragara ko Karongi irimo gutera intambwe yo kugana mu mijyi yunganira Kigali. Akomoza ku mahirwe akomeye ahari bityo ko abahakorera bagomba kwitegura kwakira abantu benshi bahagana, abatangiye kubakorera ibikorwa bikurura abantu harimo Gasmeth ikora mu bijyanye no gutunganya gazi yo mu kiyaga cya Kivu.

Yagize ati "*Ibi birajyana na gahunda ya leta yo guteza imbere umuturage, aho ibikorwa akora bijya ku mugaragaro ndetse no kumubonera isoko ry'umusaruro bikamworohera. Ni umwanya wagenewe abaturage kugirango berekwe serivisi zibakorerwa, ni umurongo wa Leta wo kwereka umuturage ko ari ku isonga.*"

Yungamo ati " *Hari intambwe iri guterwa mu Karere ka Karongi nk'umujyi ugiye kunganira umujyi wa Kigali, byumwihariko akaba ari n'umujyi w'ubukerarugendo, hari n'ibikorwa remezo byatangiye gukorwa birimo umushinga wa Gasmeth uzakoresha abakozi benshi baturutse hirya no hino mu gihugu n'ahandi. Abantu benshi rero barifuza kuza gukorera ibikorwa binyuranye muri aka karere, ni ngombwa gutangira kwitegura kuzabakira, mukora byinshi kandi byiza kugirango bazabone ibyobakeneye bitababagoye. Ni byiza rero kunoza imitangire ya serivisi.*"

Umuyobozi w'Akarere, Muzungu Gerald, yavuze ko hari ibikorwa bigiye kwibandwaho mu kwitegura kunganira Umujyi wa Kigali.

Ati " Hari imihanda igiye kuzakorwa mu mirenge ya Bwishyura na Rubengera kuko ari imwe mu izaba igize umujyi wa Karongi, bityo bikazafasha mu itunganywa ry'umujyi, hagakatwa ibibanza byo kubakamo bijyanye n'igishushanyo mboneracy'umujyi, hazaba hari n'ibikorwa remezo binyuranye birimo amazi n'amashanyarazi n'ibindi binyuranye ku buryo bizagaragara ko karongi ari umujyi mwiza nk'uko tubibona mu tundi turere twatangiye mbere mu kunganira umujyi wa Kigali.

Urimubenshi Aimable, witabiriye ibi bikorwa yavuze ko biteguye neza.

Ati "Mu kwitegura kuba Akarere kacu ka Karongi kagiye kunganira umujyi wa Kigali, ubu nashinze uruganda rukora amatafari n'amakaro bigezweho, kugira ngo abantu bazage babona ibyo bubakisha bitabagoye ngo bavunike bajya kubishaka kure. Nk'ubu nkoresha abakozi barenga 50 buri munsi, biganjemo urubyiruko n'abagore mu rwego rwo kubarinda ubushomeri."

Insanganyamatsiko y'iri murikabikorwa n'imurikagurisha ni 'Hinduka wigire, umuturage ku isonga'.

# URUBYIRUKO RWATEMBEREJWE AHARI AMATEKA ADASANZWE Y'UMWAMI KIGERI IV RWABUGIRI




Urubyiruko mu rugendo rugana ku Bigabiro bya Rwabugiri

Ku wa 6 Kanama 2025, mu Murenge wa Rubengera, habaye igikorwa cyateguwe mu rwego rwo kumva no gusobanukirwa amateka y'Umwami Kigeri IV Rwabugiri, umwe mu bami b'u Rwanda bafite uruhare rukomeye mu mateka y'igihugu.

Iki gikorwa cyabereye mu kagari ka Gisanze cyabaye nk'uburyo bwo kwigira ku hantu ndangamurage, no kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Cyitabiriwe n'inzego zitandukanye hamwe n'urubyiruko, baganirizwa ku mateka n'uruhare rwa Rwabugiri mu miyoborere, umuco, n'iterambere ry'u Rwanda rwo ha mbere.

Insanganyamatsiko y'uyu munsi yari: Dusure ahantu ndangamurage tumenye amateka.

Urubyiruko rwabonye amahirwe yo gusura no gusobanurirwa: Ibigabiro bya Kigeri IV Rwabugiri, wategetse kuva 1853–1895. Rwasobanuriwe kandi uruhare rwa Rubengera nk'umurwa w'amateka ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu, Imihango y'Umuganura, aho Rwabugiri yayikoreye i Rubengera inshuro 7 mu myaka: 1874, 1875, 1879, 1880, 1881, 1891 na 1892, Icyatumye yubaka urugorwe, nk'uburyo bwo kwitegura ibitero, Uruhare rw'abami mu kubungabunga ubumwe bw'igihugu no kurinda umuco.

Hanatanzwe inama n'impanuro ku rubyiruko zirimo: Gukunda igihugu n'umuco, Gusigasira amateka n'ibimenyetso ndangamurage, Gukomeza kwitabira ibikorwa by'ubwitange no guteza imbere aho batuye.

Abitabiriye kandi bahawe impano z'ibitabo bizafasha urubyiruko kunoza imivugire no kwagura ubumenyi bw'umuco, ari byo: Inkoranya y'Ikinyarwanda Iciriritse, Ngucire Umugani.



Urubyiruko rusobanurirwa amateka




Amateka ya Rwabugiri

# MU KARERE HABEREYE IGIKORWA CYO GUSINYA IMIHIGO MU NZEGO ZITANDUKANYE



Ku cyicaro cy'Akarere ka Karongi habereye umuhango wo gusinya imihigo y'umwaka wa 2025–2026. Uyu muhango witabiriwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana Vedatse NGARAMBE, Meya w'Akarere ka Karongi, Bwana Gerald Muzungu, inzego z'umutekano, ndetse n'abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge.



Abayobozi bitabiriye igikorwa

Muri uyu muhango wabaye ku wa 15 Kanama 2025, hasinywe imihigo hagati y'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge. Hanabaye kandi umuhango wo gusinya imihigo hagati ya Meya w'Akarere ka Karongi n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bose.



Uhagarariye ba Gitifu b'Utugari mu Murenge wa Gishyita asinyana na Gitiwu wawo

Intego y'iki gikorwa yari ugushimangira umuhate n'ubufatanye mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ku nzego zose z'Akarere — kuva ku rwego rw'Akarere, Imirenge kugeza ku Tugari — kugira ngo intego zateganyijwe mu mwaka wa 2025–2026 zigerweho uko ziteganyijwe muri Gahunda y'Iterambere ry'Akarere (DDS) ndetse na Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere(NST1 & NST2).

Mu bukungu imirenge yose izahinga ibirayi kuri Ha 2652, hamaze gukusanywa Frw miliyoni 30 y'icyo gikorwa, hazavugururwa n'urutoki.



Meya Muzungu Gerald nyuma yo gusinyana n'Umurenge wa Bwishyura

Abitabiriye umuhango biyemeje gukorera hamwe nk'itsinda rimwe, gufatanya mu nshingano no kubazwa ibyo bashinzwe. Meya w'Akarere yashimangiye ko mu gushyira mu bikorwa imihigo hagomba kubaho ubufatanye, imikorere myiza no guharanira ibisubizo birambye.

# NTIDUSHOBORA KUGIRA ABATURAGE BUBAHIRIZWA UBURENGANZIRA BWABO NEZA TUDAFITE AMAKURU YUZUYE KU BUZIMA BWABO-MEYA MUZUNGU



Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Bwana Muzungu Gerald akemura ibibazo byerekeye irangamimerere

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Muzungu Gerald arasaba abaturage kubahiriza ibijyanye no kwiyandikisha mu irangamimerere kuko bifasha mu kunoza igenamigambi ry'Igihugu.

Meya Muzungu yabitangarije mu Murenge wa Gitesi ku wa 12 Kanama 2025, mu birori byo kwizihiza umunsi nyafurika w'irangamimerere wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Irangamimerere rishingiye ku ikoranabuhanga, umusingi wa serivisi inoze kandi itagira uwo iheza."

Yavuze ko ari ishema rikomeye kuba hamwe n'aba baturage mu gikorwa cyo kwizihiza Umunsi Nyafurika w'Irangamimerere n'Ibarura ry'Ingingo z'Ubuzima (Africa CRVS Day), cyahuriranye no gutangiza icyumweru cyahariwe CRVS mu Rwanda, umunsi washyizweho n'Inama ya 32 y'Abaminisitiri b'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe mu mwaka wa 2018, hagamijwe gukangurira abaturage bose n'inzego zose kumenya akamaro k'Irangamimerere rikora neza no gushyigikira gahunda z'Igihugu n'iz'Akarere zigamije gukomeza kunoza iri rangamimerere.

Abibutsa ko u Rwanda kuva mu mwaka wa 2020 rwafashe icyerekezo cyo gushyira irangamimerere ku ikoranabuhanga, binyuze muri NCI-CRVS system, isimbuye uburyo bwari bushingiye ku mpapuro."

Ibyo byakozwe hagamijwe korohereza abaturage kubona serivisi hafi yabo ndetse n'ibikorwa byose by'ingenzi by'ubuzima bigera ku icyenda aribyo ivuka, urupfu, gushyingirwa, gutandukana, kurera uwo utabyaye, kuragizwa/ uburenganzira bwo kurera (guardianship), gukomeza umubano ku mugaragaro nk'umwana wemewe, gusesa ishyingirwa, kumenyekanisha ku mugaragaro, kwemerwa mu mategeko bikandikwa ku buryo bw'ikoranabuhanga, bikabasha no kuboneka byihuse."

Abasaba, ati "*Turifuza ko buri muturage wese amenya neza ko Irangamimerere ari ishingiro ry'ubuzima bwe, ry'uburenganzira bwe n'uburyo bwo kubona serivisi zose z'Igihugu. Ntidushobora kugira abaturage bubahirizwa uburenganzira bwabo neza tudafite amakuru yuzuye kandi yizewe ku byerekeye ubuzima bwabo.*"

Ni muri urwo rwegp asaba kwandika ku gihe kuvuka, gupfa, gushyingirwa n'ibindi byose bikenewe, gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga ribafasha kubona inyandiko zanyu mu buryo bwihuse no gukomeza kugira uruhare mu gutanga amakuru y'ukuri.

# ABAFITE AHO BAHURIYE N'UBUREZI BASUZUMYE ICYATUMA NTA MWANA UTA ISHURI



Abafite aho bahuriye n'uburezi biyemeje kubuteza imbere

Abafite aho bahuriye n'uburezi mu Karere ka Karongi bahuriye mu nama yo kurebera hamwe ibijyanye nuko nta mwana wata ishuri; uko abatari mu ishuri barijyanwamo kandi bakarigumamo.

Iyi nama yahuje inzego zirimo, ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi, inzego z'umutekano, abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge, abashinzwe uburezi ku Karere no mu mirenge, abahagarariye amadini n'amatorero, abahagarariye ibyiciro bitandukanye n'umuryango Save the Children, umufatanyabikorwa wa Leta y'u Rwanda ndatse n'Akarere ka Karongi mu nzego zitandukanye.

Ayitangiza ku mugaragaro, Habimana Protogene, umuyobozi w'ishami rishinzwe imibereho myiza mu Karere ka Karongi yavuze ko nkuko gahunda y'Igihugu mu bijyanye n'uburezi ari uko nta mwana ukwiye kuba atari ku ishuri kandi agejeje igihe cyo kwiga.

Agira ati *"Ni umwanya wo gufata ingamba zituma intego z'umushinga zero out of school zigerwaho, kandi ku bw'ubufatanye bwe buri wese birashoboka, buri wese abigize ibye."*

Gatete Jules, ushinzwe gushyira mu bikorwa ibikorwa by'uyu mushinga ku rwego rw'Igihugu avuga ko hari ibyagiye bikorwa mu gutuma aba bana bagana ishuri, ariko ko hari abatararijyamo, harimo gukorwa ibishoboka byose ngo abo bana bageze igihe cyo gutangira ishuri baryitabire.

Agaragaza ko umushinga Zero out of school wa Leta y'u Rwanda ukorera mu mashuri abanza 3213 mu gihugu cyose, barimo gukorana n'inzego zitandukanye mu kugaragaza abana batari mu ishuri, kubagaruramo no gukora ibishoboka byose ngo barigumemo.

Asobanura ko kuba umwana Atari mu ishuri, ari ukumara iminsi 300 yikurikiranya Atari ku ishuri kandi nta mpamvu izwi, ibyo bikaba ku mwana ugeze igihe cyo gutangira ishuri.

Mu Karere ka Karongi habaruwe abana 5191 batari ku ishuri, muri bo 1411 barisubiyemo, mu gihe hari ibyakozwe mu gutuma abana batari ku ishuri barijyam, birimo kubaka ibyumba by'amashuri 437, byamaze kubakwa, amashuri yahawe intebe 50,344, za mudasobwa zigendanwa zahawe abarimu 600. Imibare yagaragajwe mu 2021, igaragaza ko abana 177, 119 batari mu ishuri kandi bagejeje igihe cyo kwiga, abaryitabiriye nyuma basaga ibihumbi 65.



Abitabiriye inama

# ABAGIZE ITSINDA RYAGUYE RY'UBUREZI MU KARERE BASANGA UBUFATANYE BUZATUMA BAGERA KURI BYINSHI



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage, Madamu Umuhoza Pascasie yayoboye inama y'itsinda ryaguye ry'Uburezi mu Karere (EDET), baganira ku bijyanye no gufata ingamba zinoza imyigire n'imyigishirize.



Iryo tsinda rigizwe n'abashinzwe uburezi, ku Karere n'Imirenge n'abahagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri babiri. Abarigize bavuga ko hakenewe ubufatanye bw'abafite aho bahurira na bwo.



Madamu Umuhoza Pascasie yasabye abagize iri tsinda, kwita ku nshingano zabo bagateza imbere uburezi kuko ari inkingi ikomeye y'iterambere ry'Igihugu.





Abitabiriye inama

# URUBYIRUKO RW'ABAKORERABUSHAKE RWIFATANYIJE N'ISI YOSE MU KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'URUBYIRUKO




Urubyiruko rwiyemeje kudatezuka mu gukorera Igihugu

Ku wa 13 Kanama 2025, Urubyiruko rw'Abakorerabushake mu Karere ka Karongi rwifatanyije n'Isi yose mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko ufite insanganyamatsiko igira iti: "Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko hagamijwe iterambere rirambye".

Uko uyu munsi wizihijwe mu mirenge itandukanye:

MUBUGA: urubyiruko rwahawe ibiganiro ku mahirwe n'imirimo igamije gukemura ibibazo by'abaturage, hanabaho imyidagaduro.

Mu Murenge wa Rubengera, habereye umwiherero w'urubyiruko wabaye mu minsi ibiri kuva ku wa 12-13/08/2025 aho Uhagarariye urubyiruko yaganirije urubyiruko uruhare rw'Urubyiruko mu Cyerekezo 2050 nk'imbaraga z'Igihugu zubaka kandi vuba.

GISHYITA: Byahujwe 'Intore mu biruhuko, hatangwa ibiganiro ku burenganzira bw'umwana no ku kwizigamira, hakorwa imikino n'imyidagaduro.

RUGABANO: Urubyiruko rwakoze ibikorwa byo kubumba no gutunda amatafari no kubakira ubwiherero abatabufite.

MURUNDI: Hakozwe umuganda wo kubakira ubwiherero umuturage utishoboye, hatangwa ikiganiro cy'umunsi, hanyuma habaho umukino w'umupira wahuje utugari, Kareba na Kabaya batsinda Nyamushishi 4–2.

MUTUNTU: Urubyiruko rwatunganyije umuhanda werekeza ahubakirwa abaturage bahuye n'ibiza, banatanga ibiganiro ku rubyiruko n'abategarugori, banitabira gahunda nzamurabushobozi. Abitabiriye: 197.

RUGANDA: Ku ishuri rya ES Ruganda hizihirijwe uyu munsi. Hanatanzwe ibiganiro n'ubutumwa bushishikariza urubyiruko gukora, gukorana n'ibigo by'imari, guhanga imirimo, kwirinda ibiyobyabwenge no gukoresha amahirwe y'igihugu.

Ubuyobozi bw'uru rubyiruko buvuga ko ibyakozwe kuri uyu munsi byaranze ubwitange bw'urubyiruko, ubufatanye n'ubushake bwo gukorera hamwe mu gukemura ibibazo by'abaturage no kwimakaza iterambere rirambye.

Urubyiruko rwasabwe gukomeza kuba imbaraga z'igihugu, gukora kinyamwuga, no gukoresha amahirwe ahari mu guhanga udushya no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

# ABAFITE UBUMUGA BIZE BARASABWA KUBA ABAVUGIZI B'ABATARIZE



Guhera ku wa 18 Kanama kugeza ku wa 22 Kanama, uyu mwaka, mu Karere ka Karongi harabera ingando zihuje abafite ubumuga butanduka baturutse mu Ntara yose y'Iburengerazuba bahurijwe I Karongi mu ishuri rya College Sainte Marie Kibuye.

Ni urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye mu mwaka wa gatanu, uwa gatandatu w'amashuri yisumbuye na Kaminuza bafite ubumuga bateranye nk'abahagarariye abanda, kikaba ari igikorwa kinabera mu gihugu hose cyateguwe na Caritas ifatanyije n'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga (NUDOR).

Byari biteganyijwe ko i Karongi, icyo gikorwa cyitabirwa n'abantu 47, baganira ku burenganzira bwabo n'uruhare rwabo mu kubaka igihugu n'iterambere muri rusange.

Atangiza iyo nama ku mugaragaro, Umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinzwe imibereho myiza, Madamu Umuhoza Pascasie yabasabye ko ubutumwa baherwa muri icyo gikorwa bazabugeza kuri bagenzi babo batabashije kuhagera ndetse ubumenyi bafite bakagerageza kubusangiza abandi batagize amahirwe yo kwiga bakanakomeza kubakorera ubuvugizi ku ho babona uburenganzira bwabo butubahirizwa uko bikwiye n'aho babona bafite imbogamizi.



Abitabiriye igikorwa



Bamwe mu bayobozi batanga ubutumwa

# MINUBUMWE YAHUGUYE ABAYOBOZI N'ABATURAGE KU BIJYANYE NO KUBUNGABUNGA INZIBUTSO ZIRI KU MURAGE W'ISI



Abitabiriye ikiganiro

ku wa 20 Kanama 2025, ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Bisesero, abagize itsinda ryaturutse mu Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano mboneragihugu (MINUBUMWE) ryari riyobowe na Butoto Jean Ushinzwe gukurikina inzibutso ziri ku murage w'Isi ari kumwe na Anitha Ndayisaba ushinzwe gahunda yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 muri iyo minisiteri bahuguye abari bitabiriye ubutumire bw'uburyo inzibutso ziri ku murage w'Isi zikwiye kubungabungwa ku buryo zigumana umwimerere wazo.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge ya Rwankuba na Twumba, Umukozi w'Akarere Ushinzwe Urubyiruko,Umuco na siporo, Abahagarariye Umuryango IBUKA, Abahagarariye Abarezi muri Twumba na Rwankuba, abagize sosiyete sivile, abahagarariye inzego z'umutekano n 'abaturage bahagarariye abandi baturiye urwibutso rwa Bisesero.

Nyuma yo gusobanura icyagendeweho kugira ngo ibirimo inzibutso ziri mu Rwanda (Bisesero, Kigali, Murambi na Nyamata) zemerwe ku murage w'Isi, Butoto yerekanye inyungu u Rwanda rufite haba muri Afurika ndetse no ku Isi yose. Agaragaza ko abatuye Rwankuba na Twumba, Karongi n'Abanyarwanda muri rusange bakwiye gufata iyambere mu kubungabunga inzibutso kugira ngo zigumane umwimerere wazo watumye zemerwa no gutuma u Rwanda rukomeza kugira ijabo n' ijambo mu rwego mpuzamahanga.

Mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Bisesero mu Karere ka Karongi mu Ntara y'Iburengerazuba, ahanashyinguwe imibiri 41 y'Abatutsi yabonetse hirya no hino, mu mwaka ushize, Madamu

Jeannette Kagame yavuze ko ubutwari bwaranze Bisesero bukwiye kwigishwa abato, kugira ngo bamenye ubutwari bw'Abanyabisesero, ari na yo mpamvu Leta yakoze ibikenewe ngo urwibutso rwa Bisesero rushyirwe ku rwego rw'Isi. Yongeye gushimira intwari za Bisesero, kandi ko ubwo butwari buzakomeza kuranga u Rwanda n'iki gihe, kuko Abanyarwanda bazakomeza kuba Igihugu cyunze ubumwe, kabone n'iyo u Rwanda rwasigara ntawe urwumva.

Uretse urwo rwibutso, Akarere ka Karongi gafite ishyamba cyimeza rya Nyungwe naryo rashyizwe mu murage w'Isi.

# GUVERINERI NTIBITURA YASABYE ABATUYE MUTUNTU NA GITESI KUBAHIRIZA GAHUNDA ZA LETA KUKO ZASHYIZWEHO KU BW'INEZA YABO



Abitabiriye inama mpuzabikorwa mu Birambo bya Gashari

Ku wa 19 Kanama 2025, mu Kagari ka Rwariro mu Murenge wa Gitesi habereye inteko y'abaturage yitabiriwe na guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Ntibitura Jean Bosco, Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Muzungu Gerald, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza, Umuhoza Pascasie, umuyobozi wungirije ww Polisi mu Ntara y'Iburengerazuba, abahagarariye ingabo na polisi mu Karere n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge ya Mutuntu na Gitesi ndetse n'ab'utugari twa Byogo na Rwariro n'abaturage b'utwo tugari.

Guverineri Ntibitura yabaganirije kuri gahunda za Leta zirimo kwicungira umutekano, kujyana abana babo mu ishuri kuko nta gihugu cyateye imbere kidafite abize, Kwirinda kugurisha inka zo muri gahunda ya girinka, kugana amavuriro birinda kwivuza bya Kinyarwanda, kwitabira kugura ifumbire ngo bihaze banasagurire amasoko, kwirinda kwangiza ibidukikije, akomoza ku bishora mu gucukura amabuye y'agaciro mu buryo butemewe ndetse no kwitabira kwishyura mituweli.

Yabasabye kandi gutangira amakuru ku gihe, ajyanye no kubona abantu batazi mu midugudu yabo, ndetse abibutsa ko umutekano w'ibanze uhera mu muryango kuko ari wo shingiro ry'igihugu.

Ubwo butumwa bwagiye kandi bugarukwaho n'abarimo umuyobozi w'Akarere n'abahagarariye inzego z'umutekano.
Abaturage basoje babaza ibibazo bihabwa ibisubizo.





Abitabiriye inama ku munsi wa kabiri i Rubengera

# HABAYE AMATORA Y'ABANA KU RWEGO RW'UMUDUGUDU N'AKAGARI




Umuyobozi Mukuru wa NCDA aganiriza abana

Ku wa 28 Kanama 2025, mu gihugu hose hatangijwe amatora ya komite y'ihuriro ry'abana yahereye ku rwego rw'umudugudu n'akagari.

Mu Karere ka Karongi, naho ayo matora yahabereye kuri urwo rwego.

Umuyobozi mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) Madamu Ingabire Assumpta yasuye site y'itora iherereye mu kagari ka Gisanze, Umurenge wa Rubengera mu Karare ka Karongi, akurikirana uko amatora agenda, anaganiriza abana.

Yabashimiye ko bitabiriye amatora no kuba bigiriye icyizere bakiyemeza guhagararira bagenzi babo. Bamwe mu bana batowe bagaragaje ibibazo bazakorera ubuvugizi bikibangamiye bagenzi babo byiganjemo gukurwa mu ishuri, gukoreshwa imirimo ivunanye n'ibindi.



Bamwe mu bana batowe

Yabaganirije kandi ku burenganzira bwabo ndetse n'akamaro ko kwitorera ababahagarariye n'icyo igihugu kibitezeho nk'amaboko yacyo yejo, yungamo ko bagomba kunoza inshingano zabo, biga neza bagatsinda kandi bagakomeza kurangwa n'ingangagaciro na kirazira biranga Umunyarwanda nyawe.

Amatora ya Komite z'Ihuriro ry'Abana ku wa Kane yabereye ku rwego rw'Umudugudu n'Akagari. Kuri uyu wa gatanu, ku wa mbere no ku wa kabiri w'icyumweru gitaha azakomeza ku zindi nzego. Aya matora yitabirwa n'abana bafite imyaka 6-17.





Abana bitabiriye amatora baganirizwa

# UBUYOBOZI BW'AKARERE BWASOBANURIYE ABATURAGE AKAMARO KO KONSA NO KUGIRA ISUKU



Visi Meya, Umuhoza Pascasie aha amata umwana mu bukangurambaga bwo konsa

Kuri uyu wa 28 Kanama 2025, mu Murenge wa Mubuga habereye ubukangurambaga bwo konsa abana no kwimakaza isuku n'isukura. Ahari hateraniye abaturage benshi banafashijwe n'abagize itsinda ry'Urunana babakiniye ikinamico zigaruka ku ngingo zirimo isuku n'isukura ndetse no konsa.

Visi Meya ushinzwe imibereho myiza, Madamu Umuhoza Pascasie yagaragaje icyuho kiri mu Murenge wa Mubuga ku bijyanye n'isuku n'uburyo bwo guhangana nacyo.

Yabwiye abari aho ko isuku ari isoko y'ubuzima, ko abaturage batatera imbere batayifite.

Yunzemo ko muri uwo Murenge hari ingo zisaga 500 zifite ubwiherero bufakwiye bukeneye kuvugururwa, ndetse ko ubusaga 200 bwo bugomba kubakwa bundi bushya, haherewe hasi.

Yabwiye abaturage ko aho Igihugu kigeze nta muturage ukwiye kugira ubwiherero ajyamo agasaba undi kumucungira ko ntawe uri kumureba.

Yasoje agira ati" *Icyo mukwiye gutahana ni ukumenya ko isuku yose ihera kuri njye, bityo kuyitaho nkwiye kubigira ihame.*"



Abarimo Visi Meya n'uhagarariye World Vision mu bukangurambaga




Aabakinnyi b'Urunana mu bukangurambaga

# UBUYOBOZI BW'AKARERE BWASOBANURIYE ABATURAGE AKAMARO KO KONSA



Umunyamabamanga Nshingwabikorwa w'Akarere Madamu Narangwe Celestine Liliane (ibumoso) na Madamu Iraguha Yvette, umuyobozi w'ishami ry' imari mu Karere

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Narangwe Celestine Liliane yayoboye inama Ngishwanama ku misoro n'amahoro (TAC) y'Akarere ka Karongi. Yasuzumiwemo ingingo; intego y'imisoro igomba kwinjizwa, ibiciro ngenderwaho n'ingamba zo kunoza imisoro; kwishyuza ibirarane.

Iyo misoro irimo izinjizwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026

- Kurebera hamwe Tarrif iri gukoreshwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026
- Kugaragariza abagize inama Ngishwanama ku misoro n'amahoro aho Akarere kageze kesa umuhigo w'imisoro n'amahoro
- Gufata ingamba zigamije kunoza imikusanyirize y'imisoro n'amahoro cyane cyane ingamba zijyanye no kwishyuza ibirarane.

Bimwe mu bitekerezo byagarutse ku kureba tarif nshya ihari ku bijyanye n'imisoro n'amahoro no kureba ko nta bagikoresha ibiciro bitagikoreshwa.

Kujyana n'igihe mu rwego rwo guca ikoreshwa ry'impapuro. Kurera abikorera bakura, no kubashishikariza gukoresha EBM kuko ari inyungu ku mucuruzi kumenya uko ubucuruzi bwe buri gutera imbere ndetse no ku gihugu mu gutera imbere biciye mu kwakira imisoro.

Basabye kandi Amahugurwa ku bijyanye n'imisoro ndetse no kuri EBM.
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Narangwe Celestine Liliane yasabye ubufatanye mu kwinjiza imisoro n'amahoro kuko ari inshingano ya buri wese mu kwiyubakira Igihugu gifite ubukungu buhamye bugizwemo uruhare n'abarwo, kuko ak'imuhana kaza imvura ihise



Umuyobozi wa RRA mu Karere atanga inama



Umuyobozi w'ishami ry' imari mu Karere atanga ikiganiro

# MU KARERE KA KARONGI HATANGIJWE UMUSHINGA WO KURWANYA IMIRIRE MIBI




Abitabiriye itangizwa ry'ibikorwa by'umushinga ugamije kurwanya imirire mibi mu bana

Ku wa 28 Kanama 2025, mu Karere ka Karongi hatangijwe ibikorwa by'umushinga ugamije kurwanya imirire mibi mu bana.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibrereho myiza, Madamu Umuhoza Pascasie yatangije inama y'ishyirwa mu bikorwa ry'uwo mushinga wo kurwanya imirire mibi (GAIN), yashimye ko uzagira uruhare mu kurwanya igwingira ry'abana, urugendo aka Karere kiyemeje gukora kadaseta ibirenge. Yasabye abagenarwabikorwa na bo gushyiraho akabo bakita ku byo bakorewe, kandi bakabigira ibyabo kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

Ibikorwa by'umushinga Global Alliance for Improved Nutrition (GAIN) bizakorerwa mu mirenge itanu y'aka Karare; Rwankuba, Bwishyura, Gashali, Ruganda, and Rugabano).

Nyuma mu cyiciro cya kabiri (2028–2030) bigere mu Karere kose.

Uyu mushinga w'imyaka 6 (2025-2031), uzashyirwa mu bikorwa na GAIN (Global Alliance for Improved Nutrition),ku nkunga y'ikigega cy'ubufatanye mu iterambere cy'Abasuwisi, ukazibanda ku bikorwa byo kongera ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri birimo n'ibikomoka ku matungo, no kunoza uburyo bigera ku mubyeyi n'umwana.



Madamu Umuhoza Pascasie atangiza ibikorwa



Abitabiriye itangizwa ry'ibyo bikorwa





This Newsletter was produced by

NTAKIRUTIMANA Deus
Public Relations, Media and Communication Officer

**Contacts**:

Email: deus.ntakirutimana@karongi.gov.rw
Phone: +250788518907

